No………../07.04.02/ DASSO/ AA

**ITANGAZO RY'AKAZI KA DASSO**

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gakenke buramenyesha abantu bose babyifuza kandi bujuje ibisabwa ko bwifuza kwinjiza abakozi bashya 13 muri DASSO (Urwego rwunganira Ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga Umutekano).

**Ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe kwinjira muri DASSO:**

1.Kuba ari umunyarwanda kandi abishaka;
2.Kuba agejeje ku myaka cumi n'umunani (18ans), kandi atarengeje imyaka makumyabiri n'itanu (25ans), bigaragazwa n'indangamuntu ye;
3.Kuba ari inyangamugayo bigaragazwa n'icyemezo gitangwa n'Akagari kigaragara muri dosiye ye;
4.Kuba afite impamyabumenyi nibura y'amashuri atandatu yisumbuye A2 cyangwa arenzeho;
5.Kuba atarigeze akatirwa n'inkiko igifungo kigeze ku mezi atandatu;
6.Kuba atarigeze yirukanwa burundu cyangwa ngo asezererwe mu bakozi ba Leta.

**Dosiye isaba akazi igomba kuba yujuje ibi bikurikira:**

-Ibaruwa isaba akazi yandikiwe Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke;
-Inyandiko ikubiyemo imyirondoro y'umukandida(CV);
-Fotocopy ya Diplome iriho umukono wa Noteri;
-Fotocopy y'Irangamuntu;
-Icyemezo gitangwa n'Akagari kigaragaza ko ari inyangamugayo;
-Icyemezo kigaragaza ko afite ubuzima bwiza gitangwa na Muganga wemewe na Leta;

**NB:**

1. Dosiye isaba akazi igomba kuba yageze mu Bunyamabanga rusange bw'Akarere ka Gakenke bitarenze tariki ya 06/05/2025.
2. Umunsi wo gukora ibizamini ku bazaba bujuje ibisabwa ni tariki ya 12/05/2025.

**Bikorewe i Gakenke, kuwa 28/04/2025**

**MUKANDAYISENGA Vestine**
**Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke**



CamScanner